Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces
+31(0) 623075674 +32 (0) 477 813 062 info@fdu-udf.org www.fdu-udf.org
postbus 3124 2280 GC Rijswijk, Netherlands

UBUMWE BW'ABANYARWANDA NIYO NKINGI Y'AMAHORO ARAMBYE MU RWANDA

Umukambwe yiyumvishemo ko igihe cye cyo gutabaruka kigeze yifuza gusigira abana be umurage. Arabahamagara abashyira hamwe, abaha uduti 3 yari yahambiriye hamwe ati ngaho mu tuvune. Uwambere ashyira k'ivi biramunanira, uwakabira w'imirya mu maboka arageraageza biranga, uwagatatu nawe biba uko. Wa musaza afata twa duti araduhambura arangije agenda avuna kamwe ashyira kuruhande araturangiza. Abwira babana be ati: ni muba kumwe nti muryane ntawe uzabameneramo, ariko ni mw'itandukanya, rubanda izabarya!

Turibuka twese igihe intambara y'ukwakira 1990 itera, aribwo umututsi wari umuturanyi, murahurirana muhana igikatsi yiswe umugambanyi, ahinduka umwanzi wo kwicyiza vuba na bwangu. Abahutu bo mu “Nduga” bati “Abakiga” nibo ba nyirabayazana, abo mu “Rukiga” bati twarabivuze n'ubundi, “Abanyenduga” ni ibyitso bagiye gutuma tubura ubutegetsi !

Abanyarwanda twese tuzi neza ko ironda koko n'ironda karere ari indwara kirimbuzi nka sida, kuko twese tuzi ibara iryo ronda koko n'ironda karere ryakoze mugihugu. Sinavuga ko intambara y'Ukwakira 1990 ariyo yazanye ibyo bibazo by'ironda koko cyangwa akarere, kuko ni ibibazo byariho na mbere y'iyo ntambara, icyo FPR-Inkotayi yakoze ni ukucyigira ikivumbikisho !

None ubu dushubije amaso inyuma, ni nde Mututsi wa kwihandagaza akavuga ati twe twaratsinze? Ni nde Muhutu ari uturuka mu “Nduga” cyangwa mu “Rukiga” wakwihandagaza akavuga ati n'ubwo ibyo byose byabaye, ni jye watsinze?

Abantu ntibambukanye se imipaka, macinyamyambi, korela n'inzara ntibyabiciye hamwe? Ntibirukanse hamwe mu mashyamba ya Zaire (RDC), basangira ubusa, ingabo za FPR - Inkotanyi zibahiga bukware?

Ni nde wagize icyo yunguka muri ibi byose hejuru y'intimba n'agahinda bishengura abanyarwanda kugeza magingo aya kubera itsembabwoko, ubwicanyi burengeje kamere, n'andi mahano yose yagwiriye igihugu cyacu?

Sinatinya kuvuga ko nta mu nyarwanda n'umwe kugeza kuri uyu munota wavuga ko hari icyo yunguwe na politiki y'irondakoko cyangwa y'irondakarere. Byabaye bimwe abakunzi b'imipira bakunze kwita « match nul », aliko njye ndavuga ko umukino wose washeshwe kuko twikoze mu nda turuhira ubusa!

Birababaje rero ko muri ubu buhungiro turimo hanze y'igihugu cyacu, hari abakirwaye iyo ndwara y'irondakoko n'irondakarere cyane mu bihugu by'ino i Burayi naza Amerika. Ndagirango nsabe abo banyarwanda kwihutira gufata umuti, abandi urukingo, ariko tugatsinda iyo ndwara y'irondakoko n'irondakarere kuko usibye kuturimbura, nta kindi twunguka. Ikimenyimenyi ni uko iyo ndwara ariyo yatumye tuba impunzi ubu, imyaka ikaba imaze kurenga 12. Kugira ngo tuve mu buhungiro kandi hatazongera kubaho impunzi z'abanyarwanda ukundi ni ukurwanya twivuye inyuma icyo cyorezo.

Igiteye igihugu impungenge ubu, ni uko icyo kibazo cy'irondakoko n'irondakarere FPR yabuze ubutwari bwo kukirwanya yivuye inyuma, yahisemo ya politiki yo kurenza ivu ku munyotwe ! Ibeshya abanyarwanda ba nyir'ubwite kimwe n'abanyamahanga ko muby'ukuri nta Mututsi, nta Muhutu, nta Mutwa babaho mu Rwanda, igahindura imiterere y'uturere nyamara kugeza ubu impamvu zose batanze zatumye bahitamo iyo politike usanga ntaho ishingiye usibye ku kinyoma gusa, niba atari gahunda yabo bahishe bataratangariza abanyarwanda nk'iyo kuzimanganya aho ingabo za FPR zagiye zikorera amarorerwa.

None se wasobanura ute ko nta Muhutu ubaho, nta Mututsi ubaho warangiza ukavuga ngo habaye itsembabwoko ry'abatutsi, kandi batabaho? Ibyo ni ukwivuguruza! Wasobanura ute ko bashyiraho ikigega cyo gufasha abana b'imfubyi n'abapfakazi hakabaho ibigega bigenewe abahutu n'ibigenewe abatutsi, bikagira ingengo y'imari itangana, abagore barwaye sida abatutsikazi bakavuzwa sida kuko ngo "bayitewe n'Interahamwe" abandi ntibavurwe? Wasobanura ute ko abazize irondakoko b'abatutsi bashyingurwa mu cyubahiro, abazize ubuhutu bwabo akaba ntawe ufite n'uburenganzira bwo kubalirira?

Iyi ni ya politiki y'irondakoko ituma abana b'abanyarwanda bashyamirana kuko bamwe bumva barenganurwa n'amategeko abandi bakumva ko ayo mategeko atabareba. Aha rero biragarara ko indwara y'ironda koko ari icyuririzi gituruka kuri politiki mbi n'abayobozi batabishoboye bakabeshya rubanda. Kuko n'ubwo navuze kuri ibyo bigega bitandukanye by'itwirirwa ubwoko ubu nubu, ntibibuza ko n'abatutsi babeshywa ko bashyiriweho ibyo bigega abenshi muri bo baheruka bumva ko byashyizweho ariko icyo bashyizemo ntikibagereho; ikizere kikaraza amasinde ! Abakada ba FPR bakabajya mu matwi bababwira ko ubutegetsi bubitayeho, ko ari ubwabo kandi muby'ukuri ntacyo bubamariye, abategetsi barabaye barusarurira mu nduru! None se Kabera Assiel yishwe atali mu barokotse? Sebarenzi se yarinze guhunga si umututsi?

Ni ryari ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi butarishije itsemba bwoko nyamara se abarokotse ntibarumanga! Birirwa bakubitana imitego n'ababiciye, nyamara inzirakarengane ziborera muri za gereza. Wasobanura ute ko umuntu yikomanga kugatuza ati narishe, ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi buti turagufunguye, ugize ati si nishe bati guma muri gereza !

Iyo urebye uko ubutegetsi bwa FPR-inkotanyi bwitwaye muri iki gihe havugwa isohoka ry'inzandiko zisaba guta muli yombi (Mandats d'arrêt) abantu 9 bo mu nzego z'ubuyobozi bw'icyama, utaretse na Général Paul Kagame ubwe kubera igikorwa cy'iterabwoba bakoze (acte terroriste) bahanura indege y'uwahoze ari umukuru w'igihugu Habyarimana Juvénal, biteye agahinda. Aho abaregwa bakwisobanuye ngo bajye mu nkiko, barafunga ambassade, barirukana abafaransa bari bafatiye runini abanyarwanda bacirirtse nk'abakoraga mu mavuriro n'indi mishinga yari ifitiye rubanda giseseka akamaro. Wacishiriza ukumva impamvu ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi burekura abicanyi, bugahonyora inzira karengane! None ubwo hari uwakongera kwihandagaza akabeshya rubanda ko ubwo buyobozi buriho bukorera abanyarwanda cyangwa burakorera agatsiko k'abicanyi kabwihishe inyuma?

Igihe kirageze banyarwandakazi, banyarwanda ko duhagurukira hamwe tukarwanya twivuye inyuma ingoma y'abicanyi, ntabwo abanyarwanda dushobora gukomeza gufatwaho ingwate n'agatsiko k'abicanyi. Birababaje ko igihe ubundi abanyarwanda bavutswa uburenganzira bwabo bwo guhurira hamwe ngo bavuge ku bibazo by'ingutu byugarije igihugu, ahubwo bahururizwa, ndetse bakanahatirwa kujya mu mihanda gukingira ikibaba abicanyi.

Ubwiyunge bw'abanyarwanda ni yo NKINGI y'amahoro arambye mugihugu cyacu. Ntabwo ubwiyunge tuzabugezwaho na biriya biterane ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi buhuruririza abantu buri mwaka, nk'uko biteganyijwe mu cy'umweru gitaha. UBWIYUNGE bw'abanyarwanda buzaturuka ku butabera busesuye, burenganura buriwese; Buzaturuka mu gukunda ukuri ku Banyarwanda no kuguharanira.

Mboneyeho akanya ko gusaba abanyarwanda bahamagarirwa kujya gushinja abandi ibinyoma, haba mu Rukiko mpuzamahanga rwa Arusha, haba mu nkiko zisanzwe zica imanza zijyanye n'ubwicanyi bwabaye mu Rwanda, ndetse no muri GACACA, kugira ubutwari bwo kureka uwo muco mubi no kuwurwanya kuko inkurikizimbi zawo zitangiye kwigaragaza. Urugero ni ubwicanyi buri kuba mu gihugu kubera ubutiriganya bwihishe inyuma ya za Gacaca. FDU-INKINGI zirahamagarira ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi, guhagarika izo GACACA kuko nibikomeza uko biri birakurura umwuka mubi mu baturarwanda. Cyane ko abari gukurura ubwo bwicanyi, inzego zishinzwe umutekano, abasirikare, abapolisi cyangwa ya milice ya FPR-Inkotanyi, Local Defense Force, batabasha guta muri yombi abo bicanyi bigakomezwa kwitwa abagizi banabi, nkuko bimenyerewe!

Kubera ko UBUMWE BW'ABANYARWANDA ARIYO NKINGI Y'AMAHORO ARAMBYE MU RWANDA, muri gahunda ya politiki FDU-INKINGI twifuza kugeza k'ubanyarwanda, twiyemeje kurwanya twivuye inyuma ironda koko n'ironda karere mu banyarwanda. Umuti ntahandi uzava atari muri ya NAMA-NGOBOKA GIHUGU, tuzahuriramo twese abanyarwanda bo mu moko yose n'ingeri zose, kugirango twumvikane ku butegetsi nyabwo buboneye buli wese, Umututsi, Umutwa n'Umuhutu bisangamo. Bityo Abanyarwanda tugafatana urunana tukubaka urwatubyaye mu mahoro, tukazasigira umurage mwiza abana bacu bo Rwanda rwejo.

Birihutirwa rero ko duhuriza hamwe tukicyiza ubutegetsi bw'agatsiko kabicanyi, nkaba mboneyeho akanya ko guhamagarira abayoboke ba FPR-Inkotanyi badafite amaraso ku ntoki, kwitandukanya n'abicanyi, tugashakira hamwe uburyo twazahura igihugu cyacu, tugashyiraho ubuyobozi bwemerera rubanda kwishyiraho abayobozi babikwiriye.

TWESE HAMWE TUZATSINDA

UMUYOBOZI WA FDU- INKINGI
Mme Victoire Ingabire Umuhoza